



## Inzira zo gutangamo ibibazo, ibitekerezo n'uburyo bwo gusubizamo ibabazo byagaragajwe mu mushinga ugamije kubakira abaturage ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe mu Ntara y' Iburasirazuba- TREPA

### Iriburiro

Inzira zo gutangamo ibibazo, ibitekerezo n'uburyo bwo gusubizamo ibabazo byagaragajwe mu mushinga ugamije kubakira abaturage b'Intara y'Iburasirazuba ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe binyuze mu kubungabunga ibidukikije, ubuhinzi butangiza ibidukikije no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima (TREPA) zigamije gushakira ibisubizo ibibazo by'abafatanyabikorwa, iby'abantu ku giti cyabo, n'iby'abaturage bafite aho bahuriye n'ibikorwa by' uyu mushinga. Zigamije kandi kumva abafatanyabikorwa, abantu ku giti cyabo, n'abaturage, kubafasha bidatinze kandi buri gihe, no gusubiza ibibazo n'ibitekerezo byabo.

Umuryango Mpuzamahanga wita ku kubungabunga ibidukikije ku Isi – IUCN wo, ureberera uyu mushinga, uzirikana ko kubona ubutabera igihe habaye cyangwa hashobora kuba ibibazo ari ingenzi.

Iyo ubutabera butanzwe neza bishimangira gukorera hamwe kandi bikanashimangira mu buryo bwagutse iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abafatanyabikorwa, bijyanye n'amahame ajyanne no kubungabunga ibidukikije, guteza imbere imibereho myiza y'abagenerwabikorwa ndetse no kubahiriza uburenganzira bwa muntu.

Iyi servisi rero itanga uburyo bwo kubona ubutabera no kurenganurwa. Ikibazo cyose cyatanzwe kirasuzumwa kugira ngo hagaragazwe niba habayeho kunyuranya n'imyitwarire mbonezamurimo n'amahame yo kwita ku bidukikije n'imibereho y'abaturage bya IUCN, ibipimo ngenderwaho, cyangwa amabwiriza ngengamikorere.

Servisi yita ku bibazo n'ibitekerezo y' uyu mushinga igaragaza intandaro y'ikibazo cyangwa igitekerezo kandi igatanga ibisubizo ku bibazo bijyanye n'imyitwarire mibi no kutubahiriza amahame yo kwita ku bidukikije n'imibereho y'abaturage ya IUCN.

### Ni iki gifatwa nk'ikibazo?

Ikibazo ni ikintu cyose kigira cyangwa gishobora kugira ingaruka mbi ku muntu. Aha, bivuga ikibazo kijyanye n'ingaruka mbi yabaye cyangwa ishobora kubaho biturutse ku mushinga wa TREPA. Zimwe mu ngero za bene ibyo bibazo ni izi zikurikira:

- i. Kugira uruhare cyangwa guhezwa mu ikusanyabitekerezo ry'umushinga, cyangwa mu bijyanye no kwiyemerera ku bushake nta gahato kandi mbere y'igikorwa;
- ii. Ibibazo abantu bahura nabyo biturutse ku ngaruka z'ibikorwa by'umushinga (imyanda cyangwa ihumanywa ry'amazi, urusaku, umukungugu, guhungabanya ubuzima busanzwe, n'ibindi);



- iii. Ingaruka mbi ku buzima rusange, umudendezo, n'umutekano (urugero, ikoreshwa ry'abarinzi b'umutekano, umutekano wo mu muhanda);
- iv. n'amakimbirane ashingiye ku mabwiriza y'imikoreshereze y'ubutaka n'umutungo bijanye n'ibikorwa by'umushinga;
- v. Imiyitwarire idakwiye cyangwa mibi y'umukozi w'umushinga TREPA; abakozi b'umufatanyabikorwa w'umushinga cyangwa ab'umuryango ushyira mu bikorwa umushinga; inzobere z'umushinga, abakorerabushake, n'abimenyereza umwuga, harimo ivangura, itotezwa, guhoza ku nkeke bishingiye ku gitsina, ijujubya, iterabwoba, ihohoterwa mu magambo cyangwa ku mubiri, ihohoterwa rikorerwa abana, gukabya ububasha, ubujura, uburiganya, ruswa harimo na bitugukwaha, no kuvogera ibanga ry'amakuru bwite.
- vi. Indi myitwarire mibi cyangwa ikosa hanze y'akazi cyangwa hanze y'aho IUCN ikorera biyiteza ibibazo mu by'amategeko, imari, cyangwa bikangiza izina ryayo.

### Ni iki gifatwa nk'igitekerezo ?

Igitekerezo ni amakuru atangwa n'abafite aho bahuriye n'umushinga, abafatanyabikorwa, cyangwa abandi bafite uruhare mu bikorwa byawo ajyanye n'imyumvire yabo, ibitekerezo, ibibazo n'ibifuzo ku myitwarire, ibikorwa, ibyo umushinga ushyira imbere, n'uburyo ukora ibikorwa byawo. Bikubiymo gushima no kunenga n'ibifuzo by'ibikwiye kunozwa.

### Ni nde ushobora gutanga ikibazo cyangwa igitekerezo?

- i. Umuturage uwo ari we wese, ufite aho ahuriye n'umushinga, ishyirahamwe, umufatanyabikorwa, cyangwa itsinda cyangwa umuntu ku giti cye bagerwaho cyangwa bashobora kugerwaho n'ibikorwa by'umushinga TREPA.
- ii. Umuntu wese wagizweho ingaruka cyangwa wiboneye imiyitwarire idakwiye y'umukozi, rwiyemezamirimo, iy'inzobere y'umushinga TREPA, n'iy'abafatanyabikorwa bashyira mu bikorwa uyu mushinga.
- iii. Abahagarariye abaturage, abafatanyabikorwa mu mushinga, abana bato, cyangwa itsinda ryagizweho ingaruka bashobora gutanga ibibazo cyangwa ibitekerezo mu izina ryabo.

### Kuki umuntu yasabwa gutanga ikibazo cyangwa igitekerezo?

Iyo hari ikibazo kijyanye n'umushinga wa TREPA kikugizeho cyangwa gishobora kukugiraho ingaruka mbi, kukimenyesha Ubuyobozi bw'Umushinga bibufasha kugishakira igisubizo bikarushaho kunoza imikoranire n'abafatanyabikorwa. Iyi gahunda ni bumwe mu buryo bufasha abantu kugira ijambo mu bikorwa by'umushinga wa TREPA mu Ntara y'lburasirazuba.

Gutanga ibitekerezo byiza kandi mu buryo bwhuse bigabanya imikorere mibi kandi bikongera umusaruro ukenewe, ndetse bifasha Ubuyobozi bw'umushinga wa TREPA gukumira ibibazo bishobora kuvuka bikaba intandaro y'ibindi bibazo byinshi.

### Serivisi yita ku bibazo n'ibitekerezo isobanuye iki?

Serivisi yita ku bibazo n'ibitekerezo ni uburyo bwiza kandi bunoze bwo gateganya, gukusanya, kubika, gushaka ibisubizo, ndetse aho bishoboka, gusubiza ibibazo n'ibitekerezo. Serivisi yita ku bibazo n'ibitekerezo y'Umushinga TREPA itanga uburyo bunoze bwo gukurikirana ibibazo, maze abafatanyabikorwa bose bakagira uburyo bukwiye bwo gutanga ibibazo kandi ibyo bibazo bigashakirwa



Ibisubizo mu buryo bwa kinyamwuga kandi neza, uhoreye igihe byakiririwe kugeza ku iperereza n'ikurikiranwa byabyo.

## **Bigenda bite iyo ntanze ikibazo cyangwa igitekerezo ?**

Ikibazo cyangwa igitekerezo bitangwa mu mucyo, bityo wowe n'Ubuyobozi bw'umushinga mukabasha gugishakira igisubizo kiboneye. Uzagiriwa ibanga kandi urindwe ibyago byo kuba hari uwakugirira nabi biturutse ku kibazo cyangwa igitekerezo watanze.

**Aho waba uri hose, niba UMENYE, UBONYE, WUMVISE, cyangwa WAHUYE n'ikibazo ku kazi cyangwa aho dukorera – hita utugezaho icyo kibazo cyangwa igitekerezo imbona nkubone, wifashishije uburyo bw'ikoranabuhanga, cyangwa mu nyandiko ubinyujije mu nzira zikurikira:**

1. Geza ikibazo kuri Serivisi yita ku bibazo n'ibitekerezo binyuze ku bakozi babishinzwe ku rwego rw'umushinga no ku rwego rw'ishami bakurikira:
  - i. Umukozi ushinzwe kwita ku bibazo mu Ishami rya Gatsibo  
**MANIRIHO Jean-Pierre**  
Imeri: [Jean-Pierre.MANIRIHO@iucn.org](mailto:Jean-Pierre.MANIRIHO@iucn.org)  
Nimero ya telefoni: 0788696365
  - ii. Umukozi ushinzwe kwita ku bibazo mu Ishami rya Ngoma  
**Dukuzumuremyi Donatha**  
Imeri: [Donatha.DUKUZUMUREMYI@iucn.org](mailto:Donatha.DUKUZUMUREMYI@iucn.org)  
Nimero ya telefoni: 0788768642
  - iii. Umukozi ushinzwe kwita ku bibazo mu Ishami rya Rwamagana  
**Hakizimana Frederic**  
Imeri: [Frederic.Hakizimana@iucn.org](mailto:Frederic.Hakizimana@iucn.org)  
Nimero ya telefoni: 0788586631
2. Ku bibazo bidashoboye gukemurirwa ku rwego rw'umushinga, hita umenyesha ibiro bya IUCN Rwanda kuri:  
Imeri: [rwanda@iucn.org](mailto:rwanda@iucn.org)  
Umurongo utishyuzwa: 8040  
Telefoni yo mu biro: +250788315029  
Agasanduku k'iposita: 6935 Kigali, Umuhandana KN16, Inzu nomero25.
3. Iyo ikibazo cyangwa igitekerezo kidashubijwe cyangwa uwagitanze akaba atanyuzwe n'igisubizo, ashobora kukigeza ku rwego rwo hejuru arirwo Ibiro by'Akarere bya IUCN kuri:  
Imeri: [info.esaro@iucn.org](mailto:info.esaro@iucn.org)  
Telefoni yo mu biro: +254724256804  
Agasanduku k'iposita: 68200 200 Nairobi Kenya. Wasaa Conservation Centre, Mukoma Road.



4. Iyo izi nzego eshatu zitabashije gutanga igisubizo, ufite ikibazo cyangwa igitekerezo ashobora kukigeza kuri Serivisi yita ku bibazo n'ibitekerezo by'imishinga ku rwego rukuru rwa IUCN abinyujije kuri:

Imeri: [projectcomplaints@iucn.org](mailto:projectcomplaints@iucn.org)

Telefoni yo mu biro: +4122990259

Mu rwego rwo korosha kandibihendutse, ni byiza gushakira ibisubizo by'ibibazo cyangwa ibitekerezo ku rwego rwo hasi rushoboka.

Inyandikongero ikoreshwa mu gutanga ikibazo n'igitekerezo iri ku mugerekwa.



## 1. Kwiyemerera ku bushake

Iyi nyandiko ikubiyemo amakuru bwite akuranga, harimo amazina, imyaka y'amavuko, aho ubarizwa, na nimo ya telefoni. Aya makuru adufasha kukugeraho iyo dukeneye ibisobanuro birambuye no gukemura ikibazo. Amakuru yawe bwite agirirwa ibanga kandi atangwa gusa iyo ari ngombwa. Ntutegetswe gutanga aya makuru ige utabishaka. Icyakora, iyo uhisemo kudatanga amakuru yawe bwite, ntitubona uburyo bwo kukugeraho ngo uduhe ibisobanuro birambuye ku gitekerezo cyawe cyangwa ikibazo watanze. Uremera guha amakuru yawe bwite umukozi wacu bireba kugira ngo bidufashe gukurikirana neza igitekerezo cyawe?

- Yego**      (Umukono w'uwananze igitekerezo)

**Oya**      **Umukono:** .....

## **2. Umwirondoro w'umuntu utanze igitekerezza**

(a) Amazina y'utanze ikibazo/igitekerezo:					
(b) Igitsina:		<input type="checkbox"/> Gabo <input type="checkbox"/> Gore			
(c) Imyaka y'amavuko:		<input type="checkbox"/> 17 no munsi yayo; <input type="checkbox"/> 18-35; <input type="checkbox"/> 36 no hejuru yayo			
(d) Nimero ya telefoni: (Niba afite imyaka 17 no munsi yayo, tanga nimero ya tefefoni y'umurera): (e) Icyo ashinzwe, Urugero: Umuyobozi, ufite aho ahuriye n'umushinga, umuyobozi w'itsinda ry'abaturage, ibindi: .....					
Aho utanze ikibazo/igitekerezo aherereye: .....	Intara: .....	Akarere: .....	Umurenge: .....	Akagari: .....	Umuudugudu: .....

### 3. Ibisobanuro ku gitekerezo

<b>(a) Ingeri y'igitekerezo:</b>	<input type="checkbox"/> Umuntu ku gitи cye <input type="checkbox"/> Itsinda <input type="checkbox"/> Umuntu ubifitemo inyungu (Hitamo igikwiye)
Imiterere y'ikibazo/igitekerezo? (Tanga amakuru yose ashoboka kugira ngo ikibazo/igitekerezo cyawe kibashe gukurikiranwa neza).	..... ..... ..... ..... ..... ..... ..... .....
<b>(b) Bibaye ngombwa, andika amazina y'abakozi b'inzezo wagejejeho ikibazo/igitekerezo, icyo bakoze mu gukemura ikibazo n'impamvu utanyuzwe nabyo:</b>	..... .....
<b>(c) Omekaho ibaruwa/inyandiko igaragaza birambuye amakuru watanze ku kibazo/igitekerezo)</b>	
Umukono.....	
Icyitonderwa: iyo ikibazo gitanzwe n'umuntu uhagarariye abandi, agomba kugaragaza icyemezo kimwemerera kubahagararira.	